



TOGETHER WE DO
THE COMMUNITY
JUSTICE

Uburenganzira bwawe igihe icyongereza atari rwo rurimi kavukire rwawe: Ishuri ry'umwana wawe na COVID-19

Inyubako z'ibigo by'amashuri zirafunze mu gihe cyose cy'umwaka w'amashuri gisigaye bitewe na COVID-19. Ushobora kuba wibaza icyo wakiteze ko ishuri ry'umwana wawe ryamufasha kugira ngo akomeze kwiga icyongereza no gukora imikoro y'ishuri.

- » Abana badafite ubumenyi buhagije bw'icyongereza bafite uburenganzira.
- » Uburenganzira bwo kwiyandikisha mu ishuri rya leta ribegereye.
- » Uburenganzira bwo kwiga icyongereza.
- » Uburenganzira bwo kugira uruhare mu bikorwa by'ishuri hamwe n'abandi, bakanahabwa ubufasha bw'inyongera cyangwa bagahindurirwa imikoro bahabwa kugira ngo babashe kwiga.
- » Ababyeyi batazi icyongereza gihagije na bo bafite uburenganzira bwo kuvugana n'ishuri mu rurimi bumva.
- » Ababyeyi n'abana bakomeza kugira ubu burenganzira no mu gihe inyubako z'ishuri zifunze mu gihe cy'umwaka w'amashuri.

Abarimu b'umwana wawe n'ishuri yigaho bagomba kuvugana nawe ndetse n'umwana wawe mu rurimi wumva. Guhana amakuru n'ifasi y'ishuri umwana wawe yigaho n'abarimu bamwigisha bishobora gukorwa mu buryo butandukanye. Bishobora gukorwa hifashishijwe guhamagaza telefone, koherezanya ubutumwa, porogaramu nka TalkingPoints, uburyo bw'iyakure, amasomo atangirwa kuri murandasi cyangwa hakifashishwa irindi koranabuhanga.

Dore ingero z'amakuru ishuri rikwiye kuguha mu rurimi kavukire rwawe:

- » Amakuru yerekeye ifunga n'ifungurwa ry'inyubako z'ishuri
- » Uburyo ishuri rihamo umwana wawe imikoro (kuri murandasi/ku mpapuro/guhamagarana kuri telefone/n'ibindi.)
- » Gufasha umwana wawe gusobanukirwa uko imikoro ikorwa
- » Amanota n'indangamanota
- » Amakuru yerekeye gahunda yo kwiga icyongereza (English Learner) y'umwana wawe
- » Kumenya uburyo bwo kubonamo amafunguro niba ishuri ritanga amafunguro ya mu gitondo n'aya saa sita
- » Amabwiriza y'ubuzima yerekeye COVID-19

Ubu ni bumwe mu buryo ushobora gukoresha kugira ngo ufashe umwana wawe kwiga mu gihe inyubako y'ishuri ifunze.

- » Saba mwarimu cyangwa ishuri ry'umwana wawe guhamagara umusemuzi mu gihe uhamagaye. Amashuri asabwa gukoresha abasemuzi b'abanyamwuga.
- » Menyesha abarimu b'umwana wawe bigisha icyongereza nk'ururimi rwa kabiri/ icyongereza ku bantu bavuga izindi ndimi (ESL/ESOL) n'abandi barimu b'amashuri niba ukunda guhamagarwa kuri telefone, kohererezwa ubutumwa cyangwa porogaramu ukoresha.
- » Saba amakuru yerekeye aderesi z'abarimu (numero za telefone/imeyiri/ubutumwa bwanditse/porogaramu) kugira ngo umwana abe ashobora gusaba ubufasha.
- » Baza ifasi y'amashuri uko itegura gahunda yo gufasha umwana wawe gukomeza kwiga icyongereza.
- » Saba videwo z'amabwiriza niba ufite simatifone cyangwa mudasobwa.
- » Baza niba ikigo gishobora kugufasha kubona murandasi niba ntayo ufite.
- » Baza niba ishuri rishobora kubonera umwana wawe mudasobwa cyangwa ikindi gikoresho niba ntabyo afite.
- » Hamagara umuhuzabikorwa wa gahunda yo kwiga icyongereza cyangwa umuhuzabikorwa wa gahunda y'icyongerereza nk'ururimi rwa kabiri mu ifasi y'amashuri yanyu niba ntacyo abarimu bakubwira. Akenshi, amakuru yerekeye aderesi zabo ushobora kuyabona ku rubuga rwa murandasi rw'ishuri.
- » Hamagara ikigo cya Lau Resource Center for English Learners k'Ishami rishinzwe uburezi muri Ohio kuri 614-466-4109, niba utabasha kubona umuhuzabikorwa wa gahunda yo kwiga icyongereza cyangwa umuhuzabikorwa wa gahunda y'icyongerereza nk'ururimi rwa kabiri mu ifasi y'amashuri yanyu.
- » Baza uko ushobora kubona amafunguro y'umwana wawe niba ishuri riyatanga ariko amasaha n'aho bayatangira bitorohereza umuryango wawe.

Niba ufite impungenge ku burezi bw'umwana wawe cyangwa ku kubona amakuru atangwa n'ishuri mu rurimi kavukire rwawe mu gihe cya COVID-19 cyangwa nyuma yayo, itabaze Legal Aid Line usabe ubufasha mu by'amategeko ku buntu:

HAMAGARA



TELEFONE UTISHYURWA

(888) 534-1432

UMURONGO WA



SABIRA KURI MURANDASI

www.LegalAidLine.org